Ibibazo bikunze kubazwa kuri EBT igenewe amarerero y'abana mu gihe cy'icyorezo (P-EBT)
na P-EBT igenewe amarerero y'abana mu mpeshyi (** Nshya)

Umwaka w'amashuri wa 2021-2022 *(5 Kanama 2022)*

Ikibazo cya 1: P-EBT igenewe amarerero y'abana ni iki?
Igisubizo: Ni ibyo kurya byagenwe by'igihe gito byemejwe na guverinoma y'igihugu mu rwego rwo gufashe ingo zifite abana bari munsi y'imyaka 6 mu gihe cy'icyorezo cya COVID-19.

Ikibazo cya 2: Ni nde wemerewe ibigenwa bya P-EBT igenewe amarerero y'abana?
Igisubizo: Imiryango yo muri Vermont zihabwa ibigenwa bya 3SquaresVT zifite abana bari munsi y'imyaka itandatu. Ibigenwa bya P-EBT igenewe amarerero y'abana bizajya bitangwa buri kwezi kuva muri Nzeri 2021 kugeza muri Kamena 2022 ku miryango yujuje ibisabwa.

Ikibazo cya 3: Ibigenwa muri P-EBT y'amarerero y'abana ni amafaranga angahe?
Igisubizo: Ibigenwa bya P-EBT igenewe amarerero y'abana ni $32.31 ku mwana buri kwezi kuva muri Nzeri 2021 – Mutarama 2022. Igipimo cyo muri Gashyantare – Kamena 2022 ni $33.55 ku mwana ku kwezi.

Ikibazo cya 4: Ibigenwa muri P-EBT igenewe amarerero y'abana mu impeshyi ni amafaranga angahe?
Igisubizo: Ibigenwa bya P-EBT igenewe amarerero y'abana mu mpeshyi byose hamwe ni $391 kuri mwana. Bitandukanye n'ibigenwa bisanzwe by'amarerero y'abana ku kwezi, ibigenwa bya P-EBT y'impeshyi igenewe amarerero ni ibigenwa rusange bitangirwa rimwe bibumba amezi y'impeshyi ya Nyakanga na Kanama.

Ikibazo cya 5: Ibigenwa bya P-EBT igenewe amarerero y'abana bizatangwa ryari?
Igisubizo: Icyiciro cya mbere cy'ibigenwa (bya Nzeri 2021 – Mutarama 2022) kizatangwa mu ntangiriro za Kamena 2022. Abana bemerewe ibigenwa bya P-EBT y'amarerero bazabihabwa rimwe bibumbye amezi kuva muri Nzeri kugeza Mutarama kuri buri kwezi urugo rwahawe ibigenwa bya 3SquaresVT.

Ibigenwa kuva muri Gashyantare – Kamena 2022 bizatangwa muri Nzeri.

Ibigenwa bya P-EBT y'impeshyi igenewe amarerero y'abana bizatangwa muri Nzeri ku miryango yemerewe 3SquaresVT muri Nyakanga. Ku miryango yemerewe 3SquaresVT kuva muri Kanama, P-EBT yo mu mpeshyi igenewe amarerero y'abana izatangwa mu Kwakira. Aya matariki ashobora guhinduka, urasabwa gukomeza kugenzura FAQ ivuguruye kuri uru rubuga.

Ikibazo cya 6: Namenya gute niba urugo rwanjye rwujuje ibisabwa?
Igisubizo: Ishami rishinzwe ubukungu (ESD) rizagena niba umwana wawe yemerewe, rikurikije ibipimo byavuzwe hejuru. Niba wemerewe, uzabona ibaruwa ya ESD isobanura uburyo n'igihe uzabonera ibigenwa.

Ikibazo cya 7: Niba twemerewe, ni gute tugezwaho ibyo bigenwa?
Igisubizo: Ibigenwa bya P-EBT igenewe amarerero y'abana bitangwa ku ikarita ya EBT urugo rwawe rwahawe muri gahunda y'ibigenwa bya 3SquaresVT.

Ikibazo cya 8: Aho umwana wanjye arererwa harimo ingo ebyiri. Ni nde uzahabwa ibigenwa?
Igisubizo: Ibigenwa bizohererezwa umuntu mukuru ESD yanditse nk'umukuru w'urugo muri 3SquaresVT.

Ikibazo cya 9: Ni iki nagura mu mafaranga y'ibi bigenwa?
Igisubizo: Reba urutonde rw'ibyo kurya byemewe ku rubuga rwa USDA.

Ikibazo cya 10: Ni hehe nakoresha ikarita yanjye ya EBT?
Igisubizo: Ushobora kuyikoresha ugura ibyo kurya ahantu hose bemera 3SquaresVT. Harimo amaduka acuruza ibiribwa, amaduka manini, amaduka y'ingoboka n'amasoko menshi y'abahinzi muri Vermont. Menyera ibindi ku rupapuro rwa EBT ku rubuga rwa DCF.

Ikibazo cya 11: Nta bana mfite mu marerero. Mbese nahabwa ibi bigenwa?
Igisubizo: Yego. Abana bose bari munsi y'imyaka itandatu bahabwa 3SquaresVT baremerewe.

Ikibazo cya 12: Mfite abandi bana barengeje imyaka itandatu. Mbese bemerewe ibigenwa bya P-EBT igenewe amarerero?
Igisubizo: Oya. Ibi bigenwa bihabwa abana bahabwa 3SquaresVT kandi batarengeje imyaka itandatu. Reba FAQ ya P-EBT y'amashuri niba ukeneye andi makuru ku bigenwa bihabwa abana bafite imyaka y'abanyeshuri.

Ikibazo cya 13: Bizagenda gute niba ibi bigenwa ntabishaka?
Igisubizo: Kubyitabira ni ubushake. Niba uhisemo kutitabira, wkoresha inyongera zigenwa zatanzwe ku ikarita yawe ya 3SquaresVT ya EBT.

Ikibazo cya 14: Ibigenwa muri P-EBT byaba bizata agaciro nibidakoreshwa?
Igisubizo: Yego. Ibigenwa muri P-EBT bizata agaciro niba ikarita idakoreshejwe mu minsi 274.

Ikibazo cya 15: Mfite ibindi bibazo. Ni hehe namenyera ibindi?
Igisubizo: Jya kuri https://dcf.vermont.gov/esd/covid19/P-EBT cyangwa uhamagare 1-800-479-6151 kuri 7 niba wifuza andi makuru.

VERMONT
AGENCY OF HUMAN SERVICES
DEPARTMENT FOR CHILDREN & FAMILIES

VERMONT
AGENCY OF EDUCATION